REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°08/2018: **Taliki: 11–20 Nzeri 2018**

Ryoherejwe kuwa 22 Nzeri 2018

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse kuva taliki 11-20_Nzeri_2018; cyagaragaje imvura nke mu Ntara y'Uburasirazuba ndetse n'igice cy'uburasirazuba bw'Intara y'Amajyepfo ugereranyije n'imvura yabonetse ahandi mu gihugu
- Amashusho y'icyogajuru yerekana ubutaka buhehereye mu gihugu hagati ndetse no mu majyaruguru y'Uburengerazuba kubera imvura yahabonetse muri ibi bice 2 bya Nzeri_2018 bishize
- **21-30_Nzeri_2018;** hateganyijwe **izaboneka hose mu gihugu ndetse ikanaba nyinshi kuyabonetse mu gice cya 2 cya** Nzeri_2018

I. Iriburiro

Muri 11-20_Nzeri_2018; tubonako imvura nke mu Ntara y'Uburasirazuba ndetse n'igice cy'uburasirazuba bw'Intara y'Amajyepfo ugereranyije n'imvura yabonetse ahandi mu gihugu

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye hagati ya 11-20_Nzeri_2018 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	11-20_Nzeri_2018	11-20_Nzeri
Kigali	15.0	25.5
Rusizi (Kamembe)	22.8	35.6
Rubavu (Gisenyi)	40.9	38.6
Nyamagabe (Gikongoro)	17.8	26.7
Ngoma (Kibungo)	8.7	23.3
Gicumbi (Byumba)	29.6	50.6
Busogo	53.1	55.4
Bugarama	15.0	23.9
Musanze (Ruhengeri)	41.5	35.6
Gitega	45.0	21.4
Rubengera	34.9	25.6
Byimana	12.1	22.1
Kawangire		19.8
Nyagatare	13.4	12.7

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye hagati ya 11-20_Nzeri_2018 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye hagati ya 01-10_Nzeri_2018 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 11-20_Nzeri_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 11-20_Nzeri



Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 01-10_Nzeri_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 01-10_Nzeri



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu mataliki ya 11-20_Nzeri_2018 mu buryo burambuye

Ikigereranyo cy'imvura yaguye mu gice cya kabiri cya Nzeri_2018 ndetse n'imvura isanzwe iboneka muri iyo minsi; cyerekanako imvura yari ku kigero gisanzwe kugeza ku kigero cyo hasi; igiteranyo kandi cy'imvura yabonetse muri ayo mataliki ya 11-20_Nzeri_2018; cyerekana imvura yabaye nke mu Ntara y'Uburasirazuba ndetse n'igice cy'uburasirazuba bw'Intara y'Amajyepfo ugereranyije n'imvura yabonetse ahandi mu gihugu (reba **Ikarita1&2**); naho igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 01-10_Nzeri; cyagaragaje imvura yaguye mu buryo bumwe nko mu gice cya kabiri ariko mu gice cya mbere iboneka ari nyinshi kurushaho (reba **Ikarita3&4**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Nzeri.2018.igice cya mbere

Ikarita6: Nzeri.2018.igice cya kabiri

Twitegereje amashusho y'icyogajuru ku bubobere bw'ubutaka mu gice cya mbere ndetse n'icya kabiri bya Nzeri_2018; dusanga ubutaka buhehereye mu gihugu hagati ndetse no mu majyaruguru y'Uburengerazuba kubera imvura yahabonetse muri ibi bice 2 bya Nzeri_2018 bishize (reba **Ikarita 5&6**); tubona kandi ko ubutaka buhehereye hose mu gihugu ku kigero kiza (hejuru ya 80)

b) Iteganyagihe ry'igice cya gatatu Nzeri_2018

Mu gice cya gatatu cya Nzeri_2018; hateganyijwe izaboneka hose mu gihugu ndetse ikanaba nyinshi tugereranyije n'iyabonetse mu gice cya 2 cya Nzeri_2018

- Mu Ntara y'Amajyaruguru ndetse n'iy'Uburengerazuba hateganijwe imvura izaba hagati ya mm60 na mm120;
- Mu Mujyi wa Kigali ndetse n'Intara y'Amajyepfo hateganijwe imvura izaba hagati ya mm30 na 80; naho
- Mu Ntara y'Uburasirazuba hateganijwe imvura izaba hagati ya mm10 na mm30

Ingano y'imvura (muri mm) iteganyijwe mu minsi ije ya Nzeri_2018



Ikarita7: Nzeri.2018 igice cya gatatu

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe ku risohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)